REPUBLIKA Y'URWANDA

INTARA Y'IBURENGERAZUBA

AKARERE KA NGORORERO

E-mail: ngororerodistrict@ngororero.gov.rw

ITANGAZO RY'AKAZI

Ubuyobozi bw'Akarere ka Ngororero mu Ntara y'Iburengerazuba buramenyesha abantu babifitiye ubushobozi ko bushaka gutanga akazi k'Abakozi b'Akarere ku myanya 50 yo kwinjira mu rwego rwunganira Ubuyobozi bw'Akarere mu gucunga umutekano (DASSO) harimo **umwanya 1** w'Umuhuzabikorwa wa DASSO ku rwego rw'Akarere n'**imyanya 49** y'abagize DASSO bato. Ibyangombwa bisabwa kugira ngo umuntu yemererwe kuzakora ikizamini cyo kwinjira muri DASSO n'ikizamini ku mwanya w'Umuhuzabikorwa wa DASSO ku rwego rw'Akarere ni ibi bikurikira:

1. Kuba ari Umunyarwanda
2. Kuba agejeje ku myaka cumi n'umunani (18) y'amavuko kandi atarengeje imyaka mirongo itatu n'itanu (35) y'amavuko, by'umwihariko ku bijyanye n'umwanya w'Umuhazabikorwa wa DASSO ku rwego rw'Akarere agomba kuba atarengeje imyaka mirongo ine n'itanu (45) y'amavuko.
3. Kuba ari indakemwa mu mico no mu myifatire
4. Kuba atarigeze akatirwa igifungo ntakuka kingana cyangwa kirenze amezi atandatu(6)
5. Kuba afite impamyabumenyi nibura y'amashuri atandatu yisumbuye icyakora uwarangije amashuri atatu yisumbuye kandi afite ubumenyi bwihariye mu bijyanye n'umutekano ashobora kwinjira muri DASSO by'umwihariko ku bijyanye n'umwanya w'Umuhazabikorwa wa DASSO ku rwego rw'Akarere agomba kuba afite impamyabumenyi ya Kaminuza (A1/ A0) cyangwa impamyabumenyi y'amashuri atandatu yisumbuye n'uburambe nibura bw'imyaka itanu (5) mu bijyanye n'umutekano mu gihugu.
6. Kuba afite amagara mazima n'intege zibashije imirimo ya DASSO, bigaragazwa n'inyandiko za Muganga wemewe mu Rwanda
7. Kuba atarigeze yirukanwa burundu ku kazi, cyangwa ngo asezererwe nta mpaka ku murimo uwo ariwo wose wa Leta
8. Kuba afite icyemezo cyihariye kigaragaza ko yakoze neza imirimo ijya gusa nk'iya DASSO mu Rwanda byaba ari akarusho.

Dosiye isaba akazi igomba kuba igizwe n'ibi bikurikira:

1) Ifishi isaba akazi yujujwe neza iboneka ku rubuga rwa Komisiyo y'Abakozi ba Leta
2) Fotokopi y'impamyabumenyi
3) Icyemezo cyo kuba ari inyangamugayo gitangwa n'Umurenge
4) Fotokopi y''indangamuntu

Dosiye yuzuye igomba kuba yageze mu Bunyamabanga rusange bw'Akarere bitarenze kuwa **03/12/2020 saa kumi n'imwe (17h00).**

Bikorewe I Ngororero, kuwa 24/11/2020

NDAYAMBAJE Godefroid

Umuyobozi w'Akarere ka Ngororero

AKARERE KA NGORORERO